



Repubulika y'u Rwanda Minisiteri ya Siporo

AMABWIRIZA AGENGA ISUBUKURWA RY'IBIKORWA BYA SIPORO N'IMIKINO HIRINDWA COVID-19

Hashingiwe ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 31/05/2021 ku ngamba zo gukumira ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19 n'ibijyanye n'isubukurwa ry'ibikorwa bimwe na bimwe bifitiye Abaturage akamaro:

Minisiteri ya Siporo itangaje amabwiriza akurikira:

1. **Ibikorwa bya Siporo bisanzwe byarakomorewe gusubukurwa bizakomeza nk'uko byari byatangajwe hubahirizwa ingamba zo kwirinda no gukumira ikwirakwira rya COVID-19;**
2. **Imyitozo ya siporo njarugamba (Karate, Taekwondo, Boxing, Kung Fu na Fencing) mu matsinda ariko abayikora bategeranye yemerewe gusubukurwa. Amarushanwa ntiyemewe.**
3. **Isomo ry'ingororamubiri na Siporo mu mashuri riremewe hubahirizwa ingamba zo kwirinda COVID-19.**
4. **Siporo yo mu matsinda mu mashuri yiga abanyeshuri baba mu kigo iremewe hubahirizwa ingamba zo kwirinda COVID-19.**
5. **Imyitozo, imikino n'amatsinda y'abatarabigize umwuga yemerewe gusubukurwa mu gihe ibereye mu kigo cya siporo. Ubuyobozi bw'ikigo bugomba kwandika imyirondoro y'abakigana ndetse n'uburyo bwo kubahiriza ingamba zo kwirinda COVID-19 nko gupima umuriro, gukaraba intoki, kugenzura ko abatari mu myitozo cyangwa abayisoje bambaye neza agapfukamunwa.**

AMABWIRIZA YO KUBUNGABUNGA UBUZIMA HIRINDWA ICYOREZO CYA COVID-19:

1. Kwambara neza agapfukamunwa mbere na nyuma y'imyitozo ni ngombwa. Mu gihe cy'imyitozo idasaba ingufu nyinshi nabwo ni ngombwa kwambara neza agapfukamunwa;
2. Kwitwaza imiti yo gusukura intoki mu gihe ukorera siporo hanze no kuyikoresha igihe cyose bibaye ngombwa;
3. Kwitwararika mu kubahiriza intera ya metero 2 hagati y'abakora siporo n'imyitozo

ngororamubiri;

4. Abantu bagaragaza ibimenyetso bikurikira: ***inkorora, ibicurane no kwitsamura, umuriro, kuribwa umutwe***, ntibemerewe gukorera imyitoto ngororamubiri mu ruhame, ahubwo bagomba kwegera inzego z'ubuzima.

IBISABWA MU GIHE CYO GUKORA IBIKORWA BYA SIPORO

1. Ibigo bifite uko byakira imikino n'imyitoto by'amakipe atarabigize umwuga bigomba kugaragaza no gushyira mu bikorwa ingamba zo gukumira no kwirinda ikwirakwira rya COVID-19 no kugenzura ko zubahirizwa n'ababigana bose.

Bikorewe i Kigali, ku wa 05 Kamena 2021

MUNYANGAJU Aurore Mimosa
Minisitiri wa Siporo